



INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAGA- NIRIYE KURI POLITIKI N'INGAMBA Z'IGIHUGU MU GUTEZA IMBERE UBUCURUZI N'UBUHAHIRANE N'AMA- HANGA



Inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, yateranye tariki ya 27 Werurwe 2025, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro **Bwana NKUBANA Alphonse**. Inama yabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.



Muri iyi nama, abayobozi b'Imitwe ya politiki bagejejweho ikiganiro kuri "Politiki n'ingamba z'Igihugu mu guteza imbere ubucuruzi n'ubuhahirane n'amahanga: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba"; cyatanzwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda **SEBAHIZI Prudence**



Muri iki kiganiro, Minisitiri **SEBAHIZI Prudence** yagaragaje ko Minisitiri

y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) ifite mu nshingano zayo, guteza imbere ubucuruzi bw'imbere no hanze y'igihugu, guteza imbere inganda, ibigo bito n'ibiciriritse, ishoramari, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi. Yavuze ko izi nshingano zigerwaho ku bufatane bw'Inzego zinyuranye zirimo by'umwihariko ibigo bishamikiye kuri MINICOM, aribyo:

- 1) Rwanda Standards Board – RSB (Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge);
- 2) Rwanda, Inspectorate Competition and Consumer Protection Authority - RICA (Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi);
- 3) Rwanda Cooperative Agency- RCA (Ikigo cy'Igihugu cy'Amakoperative);
- 4) National Industrial Research and Development Agency - NIRDA (Ikigo cy'Igihugu cy'ubushakashatsi n'Iterambere mu byerekeye inganda);
- 5) Rwanda Institute of Cooperatives, Entrepreneurship and Microfinance - RICEM (Ikigo cy'Igihugu cy'amahugurwa y'amakoperative, ba rwiyemezamirimo n'Ibigo by'imari iciriritse).

Ibyagezweho mu guteza imbere ubucuruzi mu Rwanda,

Minisitiri wa MINICOM yavuze ko mu rwego rwo guteza imbere ubucuruzi n'ibihugu duturanye, hubatswe amasoko ya kijyambere ku mipaka ihuza u Rwanda n'ibyo bihugu (Cross border markets). Ayo masoko akaba yarubatswe aha hakurikira:

Mu Karere ka Rusizi (Rusizi I na Bugarama), mu Karere ka Rubavu, Karongi, Burera (Cyanika), Nyamasheke (Rugari), Kirehe (Rusumo), Nyaruguru (Akanyaru) na Nyagatare (Kagitumba).

Amasoko 4 ku 9 yubatswe akora ku kigero gishimishije, ayo ni isoko rya Bugarama, irya Nyamasheke, Rubavu na Cyanika. Amasoko 2, irya Kagitumba na Rusumo yaruzuye akaba yaratangiye gukora. Naho amasoko 2 irya Rusizi I na Karongi akora ku kigero kiri muni ya 50% bitewe n'ingaruka z'icyorezo cya Covid-19 n'ibibazo by'umutekano mucye mu bihugu bituranye n'u Rwanda muri icyo gice. Ikindi ni uko isoko 1 ry'Akanyaru ritatangira gukora kubera ikibazo cy'umupaka w'Akanyaru ufunze.

Mu rwego rwo kurushaho **guteza imbere ubwikorezi mpuzamahanga** no gufasha ababukora kurushaho kubunoza, Minisitiri wa MINICOM, yavuze ko ku bufatanye n'abikorera hubatswe icyambu kidakora ku nyanja (Kigali Logistic Platform), cyubatswe i Masaka mu Karere ka Kicukiro, ubu kikaba gikora neza. Mu Karere ka Rubavu, hubatswe

icyambu ku kiyaga cya Kivu (Rubavu Port) cyoroshya ubuhahirane hagati y'Igihugu cya Repubulika ya demokarasi ya Kongo (DRC) n'u Rwanda hakoreshejwe amato manini. Hubatswe kandi ububiko n'ibyumba bikonjesha bifasha umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi, koherezwa ku masoko yaba ayo mu gihugu ndetse n'ayo hanze y'u Rwanda.

Mu mwaka wa 2024, hashyizweho Politiki yo guteza imbere inganda. Iyi politiki ifasha mu guteza imbere no kongera umusaruro w'ibikorera imbere mu gihugu n'ubucuruzi muri rusange. Iyi politiki yibanda ku nzego z'ingenzi zirimo kongera agaciro k'ibikomoka ku buhinzi (imbuto, isukari, icyayi), gutunganya impu n'ibizikomokaho, kudoda imyenda, serivisi z'ubukerarugendo n'ubuhanzi, ibikoresheho byo kubaka n'izindi.

Mu mwaka wa 2018, hashyizweho Politiki ijyanye no kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, naho mu mwaka wa 2024 hashyirwaho itegeko rishinzwe kurengera umutungo.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubugenzuzi bw'ubuziranenge, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi (RICA), gikurikirana uburenganzira bw'umuguzi ndetse n'ingenzura ry'ubuziranenge.

Ikigo cy'igihugu gishinzwe imicungire y'amakoperative (RCA), gishyira imbaraga mu guteza imbere amakoperative, bigafasha abakora ubucuruzi bishyize hamwe mu makoperative.

Ikigo cy'igihugu gitsura ubuziranenge (RSB), gikurikirana ubuziranenge bw'ibicuruzwa byaba ibijya hanze ndetse n'ibyinjira mu Gihugu.

Ubuhahirane n'amahanga:

Minisitiri wa MINICOM yagaragaje ko u Rwanda ruri mu miryango y'ubukungu itandukanye harimo Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC), Isoko Rusange ry'Iburasirazuba n'Amajyepfo y'Afurika (COMESA), Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika yo Hagati (ECCAS), n' Isoko Rusange ry'Afurika (AfCFTA).

Hashyizweho amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu aho amasezerano y'ubwumvikane (MoUs) atandukanye yagiye asinywa kugira ngo u

Rwanda rurusheho gukomeza ubucuruzi n'amahanga.

Ibyoherezwa mu mahanga byariyongereye biva ku gaciro ka miliyari 1.9 y'amadolari y'Amerika muri 2017 bigera ku gaciro ka miliyari 3.51 mu mwaka wa 2023.

Amafaranga ava mu bukerarugendo yikubye hafi kabiri, yavuye ku madolari y'Amerika miliyoni 374 muri 2017 agera kuri miliyoni 620 mu mwaka wa 2024.

U Rwanda rwinjiye mu muryango w'isoko rusange ry'Afurika, guhera muri 2021, ubucuruzi bwatangijwe ku mugaragaro, u Rwanda rukaba rumaze kujyana ibicuruzwa bitandukanye muri iryo soko.

Minisitiri imaze gushyiraho amasosiyete y'ubucuruzi ahuriweho yitwa (Trading Companies) ashingiye ku masezerano y'isoko rusange ry'Afurika. Kwihuza kw'abacuruza bakora amasosiyete y'ubucuruzi mu isoko rusange ry'Afurika bifite inyungu nyinshi, zimwe muri izo nyungu ni igabanuka ry'ikiguzi cy'ubwikorezi, kubona isoko ryagutse, kubona ibyangombwa biherekeza ibicuruzwa hirya no hino ku masoko ku buryo bworoshye, n'ibindi.

Minisitiri yagaragaje ko mu myaka 8 ishize ibyoherezwa mu mahanga byikubye hafi inshuro enye, bikaba byaragezweho kubera ubufatanye bw'abikorera ku giti cyabo na leta y'u Rwanda.

Ikindi ni uko MINICOM yakuyeho icyangobwa cyo kohereza ibicuruzwa mu mahanga (Export License) mu gihe kidakenewe mu gihugu ibicuruzwa byoherezwamo. Ibi byakozwe mu rwego rwo korohereza abacuruza kugeza ibicuruzwa byabo mu mahanga.

Imbogamizi zikibangamiye iterambere ry'ubucuruzi n'ubuhahirane n'amahanga

Mu mbogamizi zituma amasoko yashyizweho adakora uko bikwiye, Minisitiri wa MINICOM yagaragaje izi zikurikira:

- 1)ingaruka zatewe n'icyorezo cya Covid-19;
- 2)icyuho cy'ibiva mu mahanga n'ibyoherezwa hanze cyakomeje kwiyongera kiva kuri 9.5% by'umusaruro mbumbe w'igihugu muri 2017 bigera kuri 11.8% muri 2023 bitewe no gukenera ibintu byinshi biva hanze;
- 3)Ifungwa ry'imipaka hagati y'u Rwanda n'u Burundi;

4)Umutekano mucye mu gihugu cy'abaturanyi cya DRC hiyongereyeho n'imbogamizi zo kutemerera abaturage bacyo kwambuka bakoresheje uburyo bwa "jeton" byatumye hatabaho urujya n'uruza rw'abantu hagati y'ibihugu byombi.

Ingamba zafashwe

Minisitiri yagaragaje zimwe mu ngamba igihugu cyafashe mu rwego rwo guhangana n'izi mbogamizi, zirimo:

.kuvugurura politiki y'ubucuruzi ikajyana n'igihe;

.kubaka ububiko bw'ibicuruzwa (Rubavu Bonded Warehouse) ku mupaka muto wa Rubavu (Petite Barriere);

.kwagura icyambu kidakora ku nyanja cya Kigali (KLP);

.kongera ishoramari ry'abikorera rikava kuri 15.9% (bingana na miliyari 2.2 z'amadorari y'Amerika) by'umusaruro mbumbe rikagera kuri 21.5% (bingana na miliyari 4.6 z'amadorari y'Amerika);

.kongera ingano y'ibyoherezwa hanze hagamijwe kugabanya icyuho kiri hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga, n'ibindi. Biteganyijwe ko ibyoherezwa mu mahanga bizazamuka ku kigero cy'impuzandengo ya 13% buri mwaka naho ibitumizwa mu mahanga bikazamuka ku kigero cya 8.7% buri mwaka. Ikindi ni uko agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga ugereranyije n'ibitumizwayo kaziyongera kave kuri 61% yo mu 2023 kagere kuri 77% mu mwaka wa 2029.

INAMA RUSANGE YASHYIZEHO ABAGIZE BIRO Y'IHURIRO

Buri mezi atandatu(6), Inama Rusange y'Ihuriro ishyiraho abagize Biro y'Ihuriro. Akaba ari muri urwo rwego Inama Rusange y'Ihuriro yateranye tariki ya 27 Werurwe 2025 yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro,



batowe ku buryo bukurikira: **Honorable MUKABUNANI Christine**, uturuka mu

Mutwe wa Politiki PS Imberakuri, yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro, asimbura Bwana NKUBANA Alphonse wo mu Mutwe wa Politiki PSP; naho **Hon. Dr. RUTEBUKA BALINDA**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PL, yatorewe kuba Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, asimbura Madamu UWITIJE Clementine wo mu Mutwe wa Politiki PSR.



Biro ishoje manda yari iyobowe na Bwana NKUBANA Alphonse na Madamu UWITIJE Clementine yashimye icyizere Inama Rusange yari yarayigiriye, yizeza Biro nshya ubufatanye. Yashimye ubuyobozi bwiza bw'u Rwanda bwazanye demokarasi ishingiyeye ku bwumvikane, ubworoherane n'ubufatanye bw'abanyarwanda bose. Yashimye ko Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro yose yunze ubumwe, bikaba bituma abaturage bakomeza kuyigirira icyizere.

Abagize Biro nshya bashimye icyizere Inama Rusange yabagiriye, bavuga ko bazakorana umurava kugira ngo ibikorwa by'Ihuriro bizakomeze gutera imbere.